



NI IBIKI BYEMEWE GUKORWA N'IBITEMEWE GUKORWA KU ISABATO?

Alain MUCYO

YESAYA 58:13 -14

“Nuhindukira ntukandagire isabato, **ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera**, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w’Uwiteka ukawita uw’icyubahiro ukawubaha, **ntube icyigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe**, nuko uzishimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z’igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo.” **Akanwa k’Uwiteka ni ko kabivuze.**

Ibyigenge: Kuva 32: 25 “Mose abona ko abantu babaye **ibyigenge** kuko Aroni yabakundiye ko bigenga, bagahinduka ibitwenge ku banzi babo”

IBI TWAKAGOMBYE KUBA TWARABYIGISHIJWE MBERE YO KUBATIZWA

Mu guhanga amatorero mashya, **abapasitoro bagomba gutanga amabwiriza yitondewe agaragaza uburyo bukwiriye bwo kweza umunsi 7 w'Isabato.** Tugomba kuba maso, kugira ngo imigenzereze idafashije y'abakomeza icyumweru itaba ari yo ikurikizwa n'abavuga ko bakomeza umunsi wera w'Imana w'ikiruhuko. Hagomba kubaho umurongo ugaragara hagati y'abafite ikimenyetso cy'ubwami bw'Imana n'abafite ikimenyetso cy'ubwami bw'uwigometse ku Mana. {6T 353.1}

KU ISABATO MUGITONDO

Mureke amasaha y'igiciro y'Isabato ye gupfushwa ubusa abantu bari mu buriri. Ku Isabato mu gitondo ab'umuryango bagomba kubyuka kare. 11 Nibatinda kubyuka, hazaba urujijo n'ihubi mu gufata ibyo kurya bya mu gitondo no muri gahunda y'ishuri ryo ku Isabato. Usanga hari ugukora ibintu huti huti, abana banyuranamo, hakabaho no kwihangana guke. Maze muri ubwo buryo ibitekerezo bitari byiza bikinjira mu rugo. Isabato, igateshwa agaciro gutyo, igahinduka umutwaro, maze uko igiye kugera bakumva barayanze aho kuyikunda. {6T 357.1 IBIHAMYA BY'ITORERO VOL6, P357}

KU ISABATO MUGITONDO

CCH P270.4

Inama zigirwa itorero Chap 49, p 270

Nta muntu n'umwe ukwiriye kumva atekanye mu gihe ari gukoresha amasaha yera mu mu buryo budakwiriye. Ntabwo binezeza Imana ku bavuga ko bubahiriza isabato iyo baryamira ku isabato. Iyo bari gukora ibyo baba bari gusuzugura Umuremyi wabo, kandi iyo bakora ibyo baba bagaragaza ko iminsi itandatu ari iy'agaciro cyane kuri bo kuburyo batabona umwanya wo kuryama. Bakwiriye gushaka amafaranga, nubwo byabasaga kwigomwa kuryama, bityo bigasoza baryamye mu masaha yera. Maze bagatanga impamvu bavuga ngo: "Isabato yatanzwe nk'umunsi wo ku ruhuka. Ntabwo nzigomwa ibitotsi byanjye ngo njye mu materaniro" Uko ni ugusobanura nabi ibigomba gukorwa ku munsi wera. Ahubwo kuri uwo munsi bari bakwiriye gushishikariza imiryango yabo kweza umunsi w'isabato ndetse no kujya guteranira ku rusengero abo bashobora guhurira n'abantu bake cyangwa se benshi, bitewe n'aho ari ho. Bakwiriye gukoresha igihe cyabo n'imbaraga zabo mu byatuma bakura mu bya mwuka, kugira ngo imigisha bakuye mu isabato bazayikomezanye no mu cyumweru cyose. Mu minsi yose igize icyumweru, nta munsi n'umwe umuntu akwiriye kugira ibitekerezo byo kwegerana n'Imana nko ku munsi w'isabato.

KU ISABATO MUGITONDO

6T 355.2

Abantu benshi bakeneye kwigishwa uko bakwiriye kugaragara mu materaniro yo kuramya Imana ku Isabato. Ntabwo bagomba kuza imbere y'Imana bambaye imyambaro isanzwe yambawe mu minsi y'icyumweru. Abantu bose bagomba kugira umwambaro wihariye w'Isabato, ugomba kwambarwa mu gihe umuntu agiye muri gahunda yo kuramya mu nzu y'Imana. Nubwo tutagomba kwigana gahunda zo kwiyerekana z'isi, ntabwo tugomba kuba ba ntibindeba ku byerekeye uko tugaragara inyuma. Tugomba kuba dufite isuku ducyeye, nubwo tutagomba kwishyiraho imirimbo. Abana b'Imana bagomba kuba batunganye imbere n'inyuma. {6T 355.2 IBIHAMYA BY'ITORERO, P 355}

BAMWE BAHITA BOHEREZA ABANA KU ISHURI

Some of our people have sent their children to school on the Sabbath. They were not compelled to do this, but the school authorities objected to receiving the children unless they should attend six days. In some of these schools, pupils are not only instructed in the usual branches of study, but are taught to do various kinds of work; and here the children of professed commandment-keepers have been sent upon the Sabbath. CCH P286.3

Bamwe mu bizera bacu bohereje abana babo ku ishuri ku muni w'isabato. Ntabwo bari bakwiriye gukora ibintu nk'ibyo... [INAMA ZIGIRWA ITORERO, CHAP 49 P 286](#)

BAMWE BAHITA BOHEREZA ABANA KU ISHURI

If parents allow their children to receive an education with the world, and make the Sabbath a common day, then the seal of God cannot be placed upon them. They will be destroyed with the world; and will not their blood rest upon the parents? But if we faithfully teach our children God's commandments, bring them into subjection to parental authority, and then by faith and prayer commit them to God, he will work with our efforts; for he has promised it. And when the overflowing scourge shall pass through the land, they with us may be hidden in the secret of the Lord's pavilion. CCH P 269.1

Iyo ababyeyi bemereye abana babo kwakira uburezi nk'ubw'ab'isi, maze umunsi w'isabato bakawufata nk'indi minsi isanzwe, ntabwo abo bana bazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana. Bazangirizwa n'isi; ese ubwo amaraso y'abo bana ntabwo azashyirwa ku babyeyi babo? [INAMA ZIGIRWA ITORERO CHAP 49, P 269](#)

KUJYA KU RUSENGERO

Imana itwigisha ko tugomba guteranira mu nzu Yayo kugira ngo dukuze imico y'urukundo rutunganye. Ibi bizategurira abatuye isi kuzaba mu mazu Kristo yagiye gutegurira abamukunda bose. Aho, bazajya bateranira mu rusengero rw'Imana uhereye ku Isabato ukageza ku yindi Sabato, uhereye mu mboneko z'ukwezi ukageza ku yindi mboneko yako, bahurize hamwe kuririmba indirimbo z'agahozo, bahimbaza kandi bashima Iyicaye ku ntebe, n'Umwana w'intama iteka ryose. {6T 368.3 [IBIHAMYA BY'ITORERO VOL6, P368](#)}

Abantu bake bateraniye hamwe kuramya Imana ku muni wa Yo wera bafite uburenganzira bwo kwishyuza Yehova imigisha yasezeranye. Bakwiriye kwizera ko Umwami Yesu ari we mushyitsi mukuru muri ayo materaniro yabo. Buri muntu wese waje kuramya Imana weza Isabato akwiriye kwishyuza Imana iri sezerano ngo: “Kugira ngo bamenye yuko ndi Uwiteka ubeza” Exodus 31:13. CCH P265.4 ([INAMA ZIGIRWA ITORERO, CHAP 49, P 265](#))

KUJYA KU RUSENGERO

Kubera ko Isabato ari urwibutso rwashyiriweho kutwibutsa imbaraga z'Imana zo kurema, utubera umunsi uruta indi yose kuko ari igihe twagombye gusabanira n'Imana mu mirimo yakoze. Ni byiza ko mu bwenge bw'abana bumva ko Isabato idakwiriye gutandukanywa n'ubwiza bw'ibyaremwe. Hahirwa umuryango ushobora kujyana n'abawugize bose ku 187 munsu w'Isabato, bakajyana aho basengera nk'uko Yesu n'abigishwa be bajyaga mu isinagogi, bakanyura mu mirima, cyangwa bakambuka inkombe y'ibiyaga cyangwa bakanyura mu dushyamba. Hahirwa umubyeyi w'umugabo n'umubyeyi w'umugore bashobora kwigisha abana babo igitabo cy'ijambo ry'Imana bakanifashisha imfashanyigisho bakuye mu gitabo kibumburiwe abantu bose cy'ibyaremwe. Hahirwa ababyeyi nk'abo bashobora guteranira n'abana babo munsu y'ibiti, ahantu hari umwuka mwiza kugira ngo bige ijambo ry'Imana kandi bahanike indirimbo basingiza Data wo mu ijuru {[UBUREZI](#) 262.1}

INGENDO NDENDE KU ISABATO

Niba twifuza kubona umugisha wasezeraniwe abumvira, tugomba kwitondera Isabato mu buryo bushikamye cyane. Mfite ubwoba ko tuja dukora ingendo kuri uyu muni mu gihe zashoboraga kwirindwa. Hakurikijwe umucyo Uwiteka yatanze werekeranye no kuruhuka Isabato, tugomba kwitondera cyane gukora ingendo zo mu bwato cyangwa mu modoka kuri uyu muni. Kuri izi ngingo tugomba gushyira icyitegererezo kizima imbere y'abana bacu n'urubyiruko. Kugira ngo tugere ku matorero akeneye ubufasha bwacu, no kubaha ubutumwa Imana yifuza ko bumva, bishobora kuba ngombwa ko dukora ingendo ku Isabato; ariko uko bishoboka kose tugomba kugura amatike no gutegura ibyangombwa byose ku wundi muni. Mu gihe dufite urugendo tugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo twirinde kuzagera aho tugiye ku Isabato. {6T 359.4 [IBIHAMYA BY'ITORERO, VOL 6, P 359](#)}

INGENDO NDENDE KU ISABATO

Mu gihe bibaye ngombwa ko dukora urugendo ku Isabato tugomba kwirinda kugendana n'abantu bashobora gutuma ubwenge bwacu bwita ku bintu by'isi. Tugomba kurinda imitima yacu ikaguma ku Mana kandi igasabana na Yo. Mu gihe cyose tubonye amahirwe dukwiriye kubwira abandi ibyerekeye ukuri. Tugomba guhora twiteguye kunganira abababaye no gufasha abakeneye ubufasha. Mu bihe nk'ibyo Imana yifuza yuko ubumenyi n'ubwenge yaduhaye byakoreshwa. Ariko ntitugomba kunganira ku bintu by'isi cyangwa kunganira ibintu bibonetse byose. Ibihe byose n'ahantu hose Imana idusaba kugaragaza ko tuyumvira mu kubahiriza Isabato. {6T 360.1 [IBIHAMYA BY'ITORERO, VOL 6, P 360](#)}

Yesaya 58:13 “Nuhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w'Uwiteka ukawita uw'icyubahiro ukawubaha, ntube icyigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza, **ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe,**”

TUGEZE KU RUSENGERO

KUTAGENDAGENDA MU RUSENGERO

{UBUTUMWA BWATORANYIJWE VOL3, P257}

Inzu y’Imana ijya ihumanywa kandi Isabato igakandagirwa n’abana b’abizera. Barirukanka, bagakina, bagasakuza, kandi bakagaragaza uburakari bwabo bubi mu materaniro yahuje aberabajekuramya Imana mu bwiza bwa Yo butunganye. Urusengero rwagakwiriye kuba urwera, ahagombaga kuguma umwuka w’ubutungane, kandi hagombaga guhora gahunda itunganye, inoze, kandi yuzuwemo guca bugufi hahindurwa babuloni mu buryo bwuzuye ahaba haganje urujijo, akajagari no kunyuranamo. ibi birahagije kugira ngo Imana itaba mu materaniro yacu kandi bikongeze uburakari bw’Uwiteka, bigatuma atajya imbere y’ingabo z’ab’isirayeli kugira ngo turwanye abazi bacu.

ABANTU BAKWIRIYE KWIGISHWA IJAMBO RY'IMANA RIRYOSHYE

Abari mu myanya y'ubuyobozi mu itorero ntibagomba kumarira imbaraga zabo z'ubwenge n'iz'umubiri mu mirimo yabo ya buri munsu ku buryo usanga ku Isabato badashobora kugaragaza imbaraga y'ubutumwabwiza bwa Kristo mu materaniro. Muje mukora imirimo mike, mu kazi ka buri munsu, **ariko ntumukibe Imana muyikorera umurimo idashobora kwemera ku munsu w'Isabato. Ntimugomba kuba nk'abantu badafite ubugingo bwa Mwuka. Abantu baba bakeneye ubufasha bwanyu ku Isabato. Nimubahe ibyo kurya bivuye mu ijamba.** Nimuzanire Imana impano zanyu ziruta izindi ku munsu Wayo wera. Reka ubugingo bw'igiciro cyinshi bw'umutima bwegurirwe Imana muri gahunda yera yo kuramya. {IBIHAMYA BY'ITORERO, VOL6, P361}

Uruhare rw'abizera: Kubara 16

Uruhare rw'abapasitoro n'abigisha: Abalewi 23:8 “Uko isabato itashye, aje ayitereka imbere y'Uwiteka mu butereko bwayo abikorera abisirayeli bibe isezerano ridakuka”

AMAKINAMICO (MIFEM; JA; UBUTABAZI;...)

Intambara ikomeye, P 322 Ku muntu wese wahindutse by'ukuri, kugirana isano n'Imana n'ibintu bizahoraho, ni byo bizaba ingingo y'ingenzi mu buzima. Ariko se mu matorero y'ibirangirire yo muri iki gihe, ni hehe hari umwuka wo kwiyegegurira Imana? Usanga abizera batararetse ubwibone bwabo ndetse no gukunda iby'isi. Usanga badashaka kwiyangana no kwikorera umusaraba, kuruta uko bari bameze mbere y'uko bahinduka, ngo bakurikire Yesu w'umugwaneza kandi woroheje. Iyobokamana ryahindutse umukino w'abatizera n'abashidikanya kubera ko abantu benshi baryitirirwa batazi amahame yaryo. Imbaraga yo kubaha Imana isa n'iyenda gushira mu matorero menshi. Gukora ingendo zo kujya kwishimisha, **amakinamico yo mu nsengeru**, ibitaramo, za tombora, kurimbisha amazu no kwibona byamaze kubuza abantu gutekereza Imana. Amasambu n'ubutunzi, ibyo abantu bakora muri iyi si ni byo byuzuye intekerezo z'abantu maze ibizahoraho bigahabwa agaciro gake.

INDIRIMBO ZITUJE GUSA

Come to the table without levity. Boisterous noise and contention should not be allowed any day of the week; but on the Sabbath all should observe quietness. No loud-toned commands should be heard at any time; but on the Sabbath it is entirely out of place. This is God's holy day, the day He has set apart to commemorate His creative works, a day He has sanctified and hallowed.—Manuscript 57, 1897 ; 3SM 257

Muze ku meza mudafite umusemburo. Amajwi y'urusaku ntabwo akwiriye kumvikana umunsi uwo ari wo wose mu cyumweru; ariko ku munsi w'isabato abantu bose bakwiriye kuramya Imana mu ituze. Nta majwi asakuza yuzuyemo ingomba akwiriye kumvwa umunsi uwo ari wo wose; ariko ku munsi w'isabato by'akarusho ayo majwi nta mwanya akwiriye guhabwa. Uyu ni umunsi wera w'Imana, umunsi Imana yashyize ku ruhande kugira ngo abantu bishimire Imirimo y'uho Imana ari Umuremyi, umunsi Imana yejeje kandi Ikawuha umugisha.

INDIRIMBO ZITUJE GUSA

Bityo rero, ubwo muzajya muterana uhereye ku Isabato ukageza ku yindi Sabato, muje murimbira ishimwe lyabahamagaye ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza. Mureke kuramya k'umutima guhabwe "udukunda kandi watwejeshejeho ibyaha byacu amaraso ye." Reka urukundo rwa Kristo abe ari rwo ruba igitsika umubwiriza mu magambo avuga. Reka rugaragazwe mu mvugo yoroheje muri buri ndirimbo yo guhimbaza. Reka Mwuka w'Imana abe ari we uyobora amasengesho yanyu. Mu gihe ijamba ry'ubugingo rivugwa, reka igisubizo cy'umutima gihamye ko wakiriye ubwo butumwa nk'ubuvuye mu ijuru. **Ndabizi ko iyi nyifato ari iyo mu bihe bya kera cyane; ariko izaba ari igitambo cy'ishimwe gitambiwe Imana ku bw'umutsima w'ubugingo** wahawe umutima ushonje. Iki gisubizo ku irarika rya Mwuka Wera kizaba imbaraga ku bugingo bwawe kinatere umwete abandi. Bizaba ari igihamya kigaragaza ko ku nzu y'Imana hubatsweho amabuye mazima atanga umucyo. {6T 367.1}

KUTAGURA CG KUGURISHA MU RUSENGERO

But we should not talk about matters of business or engage in any common, worldly conversation. At all times and in all places God requires us to prove our loyalty to Him by honoring the Sabbath.CCH P 267.7

Yohana 2:12-22

Uwifuzwa ibihe byose, chap 16 MU RUSENGERO RWE

1/10 N'AMATURO

ABALEWI 27:30 “Mu bimeze mu butaka byose, naho yaba imyaka cyangwa imbuto z'ibiti, kimwe mu icumi ni icy'Uwiteka. Ni icyera cy'Uwiteka.” “The very same language is used concerning the Sabbath as in the law of the tithe: ‘The seventh day is the Sabbath of the Lord thy God.’ Man has no right nor power to substitute the first day for the seventh... In like manner a tithe of our income is ‘holy unto the Lord.’ The New Testament does not reenact the law of the tithe, as it does not that of the Sabbath; for the validity of both is assumed, and their deep spiritual import explained.” Counsels on Stewardship, 66.

TithPG 10.1 (TITHING PRINCIPLE GUIDELINES)

“The tithe is sacred, reserved by God for Himself. It is to be brought into His treasury to be used to sustain the gospel laborers in their work.” Testimonies for the Church 9:249.

“It is a part of your work to teach those whom you bring into the truth to bring the tithe into the storehouse as an acknowledgment of their dependence of God.” Evangelism, 250

TUGEZE MU RUGO

INAMA KU MIRIRE N'IBYO KURYA, P 44.2

56. Ntidukwiriye gutegura ibyokurya byinshi bikabije byo ku munsu w'Isabato cyangwa ngo dutegure ibyokurya binyuranye mu buryo bukabije kurenza ibyo dukoresha ku yindi minsi. Ibiri amambu, **ibyokurya byo kuri uwo munsu bikwiriye kuba byoroheje, kandi tukarya bikeya, kugira ngo tworoherewe ubwonko bubashe kugira imbaraga zo kwakira iby'umwuka.** Igifu cyuzuye gituma ubwonko buremererwa. Amagambo y'ingenzi abasha kunyura mu matwi ariko ntahabwe agaciro, bitewe n'uko ubwonko budakora neza kubwo kurya mu buryo budakwiriye. Bitewe no kurya birengeje urugero ku munsu w'Isabato, ku buryo abenshi badatekereza, bigomwa imigisha yateguriwe uwo munsu wera.

INAMA KU MIRIRE N'IBYO KURYA, P 85.5

... bagateka mu buryo bworoshye umugati w'ingano, bagashaka n'imbuta (amatunda) zasoromwe cyangwa z'umutobe

GUSHUSHYA BIREMEWE?

While cooking upon the Sabbath should be avoided, it is not necessary to eat cold food. In cold weather let the food prepared the day before be heated. And let the meals, though simple, be palatable and attractive. Provide something that will be regarded as a treat, something the family do not have every day. CCH P267.5

Mu gihe guteka ku isabato bikwiriye kurekwa, ntabwo buri gihe abantu bakwiriye kurya ibyo kurya bikonje. Mu gihe cy'ubukonje mureke ibyo kurya byateguwe ku wa nyuma (Friday) bishyushywe. Kandi nubwo ibyokurya byaba byoroheje, bikwiriye kuba biteguye neza kandi biryoshye....

KOZA IBYOMBO

We would charge all not to wash their dishes on the Sabbath if this can possibly be avoided. God is dishonored by any unnecessary work done on His holy day. It is not inconsistent, but proper, that the dishes should be left unwashed till the close of the Sabbath, if this can be managed.—Letter 104, 1901.
3SM 258

Twabwira abantu bose kutoza ibyombo byabo ku muni w'isabato, ibi bikwiriye kwirindwa aho bishoboka hose. Imana isuzugurwa n'umurimo wose udakwiriye dukora kuri uyu muni wa Yo wera. Nubwo Atari ihame, ariko birakwiye, ko ibyombi bikwiriye kozwa isabato ishoje, biramutse bikoze neza.

ABATIZERA BADUSUYE?

We arrived home a little before sundown. Received letters from Brother Canright, also Mary Gaskill and Daniel Bourdeau, giving us an account of camp meeting. When we reached home we found John Cranson there. We felt sorry that he should come to see us on the Sabbath. We do not like to have visitors to entertain upon the Sabbath who have no respect for God or His holy day.—Manuscript 11, 1873.

KUGANIRA UBUCURUZI N'IBINDI BIGANIRO BYO MU ISI

But we should not talk about matters of business or engage in any common, worldly conversation. At all times and in all places God requires us to prove our loyalty to Him by honoring the Sabbath.CCH P 267.7

KU ISABATO NIMUGORоба?

Gusubiramo ibyigisho by'ishuri ryo ku isabato

Isabato itanga ibihe byiza kandi bifite agaciro katagerwa byo kwigira ibyubaka ubwenge. Nimwige icyigisho cy'ishuri ryo ku Isabato, atari ukureba (mu buryo bwo guhushura) ku isomo icyigisho gishingiyeho ku Isabato mu gitondo, ahubwo ku Isabato nyuma ya saa sita, habeho kwigira icyigisho cy'icyumweru gikurikiyeho, ariko buri muni muri icyo cyumweru hajye habaho kwiibutsa ingingo ya buri muni cyangwa kuyumvikanisha kurutaho. Ibyo bizatuma icyigisho gicengera mu bwenge, kibe ubutunzi butazigera buzimira. {UBUREZI 262.3}

Parents, set apart a little time each day for the study of the Sabbath school lesson with your children. Give up the social visit if need be, rather than sacrifice the hour devoted to the precious lessons of sacred history. Parents, as well as children, will receive benefit from this study. CCH P 266.2

KU ISABATO NIMUGORоба?

Gusura ibyaremwe

Mu gihe ikirere kimeze neza, reka ababyeyi batemberane n'abana babo mu mirima no mu mashyamba. Mu gihe muri hagati y'ibintu byiza byo mu byaremwe babwire impamvu Isabato yabayeho. Basobanurire umurimo ukomeye w'Imana wo kurema. Babwire ko ubwo isi yari ikiva mu biganza Byayo, yari itunganye kandi ari nziza. Buri rurabo, buri cyatsi, buri giti, byose byasohozaga umugambi w'Umuremyi wabyo. Buri kintu cyose amaso yarebaga cyari gifite igikundiro kandi cyuzuzaga ubwenge ibitekerezo by'urukundo rw'Imana. Buri jwi ryose ryari indirimbo ihuje n'ijwi ry'Imana. Bereke ko icyaha ari cyo cyagwabije umurimo utunganye w'Imana; ko amahwa n'ibitovu, agahinda n'uburibwe n'urupfu, ko byose ari ingaruka zo kutumvira Imana. Babwire barebe ukuntu, nubwo isi yangijwe n'umuvumo w'icyaha, igihishura kugira neza kw'Imana. Imirima y'icyatsi, ibiti birebire, imirasire myiza y'izuba, ibicu, ikime, umutuzo utangaje w'ijoro, ubwiza bw'ijuru ritatse inyenyeri, n'ukwezi mu bwiza bwako, byose bihamya Umuremyi. Nta gitonyanga cy'imvura kigwa, nta murasire w'izuba uvira isi yacu y'indashima, bitari igihamya cyo kwihangana gukomeye kw'Imana n'urukundo rwayo. {6T 358.2}

KU ISABATO NIMUGOROBA?

Gusura Abantu

After the meeting closed I visited Ella Belden. Had a sweet season of prayer with her. I then visited Brother and Sister W. Salisbury. We had a precious season of prayer with the family. Brother and Sister Salisbury united their prayers with mine. We all felt that the Lord blessed us. I then called upon aged Brother and Sister Morse.... I visited Brother and Sister Gardner. He is nearing the close of his journey. Disease has made him very weak. He was overjoyed to see me. We united our prayers together and the hearts of these afflicted ones were comforted and blessed.—Manuscript 6, 1873.

IMYIDAGADURO KU ISABATO

I say to those who claim to be Seventh-day Adventists, Can you claim the seal of the living God? Can you claim that you are sanctified by the truth? We have not, as a people, given the law of God the preeminence as we should. We are in danger of doing our own pleasure on the Sabbath day.—Letter 258, 1907.

God would have all his gifts appreciated. All fragments, jots, and tittles are to be treasured carefully, and we are carefully to become acquainted with the necessities of others. All that we have of Bible truth is not merely for our benefit, but to impart to other souls, and this is to be impressed upon human minds, and every kindly word spoken to prepare the way to make a channel through which the truth will flow forth in rich currents to other souls. [3SM 258.2](#)

IMYIDAGADURO KU ISABATO

Every working of Christ in miracles was essential, and was to reveal to the world that there was a great work to be done on the Sabbath day for the relief of suffering humanity, but the common work was not to be done. Pleasure seeking, ball playing, swimming, was not a necessity, but a sinful neglect of the sacred day sanctified by Jehovah. Christ did not perform miracles merely to display His power, but always to meet Satan in afflicting suffering humanity. Christ came to our world to meet the needs of the suffering, whom Satan was torturing.—Letter 252, 1906

In many families the younger children are left to themselves to find entertainment as best they can. Left alone, the children soon become restless and begin to play or engage in some kind of mischief. Thus the Sabbath has to them no sacred significance. [3SM257.1](#)

KUVURA KU ISABATO

**Abakurambere n'Abahanuzi, Chap 26 URUGENDO RWO KUVA KU NYANJA ITUKURA
UKAGERA KURI SINAYI**

Imana isaba ko muri iki gihe umunsi wayo wera yitoranyirije wubahirizwa nko mu gihe cy'Abisiraheli. Itegeko ryahawe Abaheburayo rikwiriye kubahirizwa n'Abakristo bose nk'itegeko ridakuka Yehova abahaye. Umunsi ubanziriza Isabato ukwiriye kugirwa uwo kwitegura, kugira ngo ikintu cyose kube giteguye mu masaha yayo yera. Nta mpamvu n'imwe ikwiriye gutuma imirimo yacu bwite ikomeza kuvogera amasaha yera. Imana yavuze ko abarwayi n'abababaye bakwiriye kwitabwaho; umurimo ukorwa kugira ngo bamererwe neza ni umurimo w'imbabazi, kandi ntabwo ari ukwica Isabato; ariko imirimo yose itari ngombwa ikwiriye kwirindwa. Abantu benshi batabyitayeho bagenda basubika uturimo duto bakadukora isabato yatangiye kandi twagombye kuba twakozwe ku munsi wo kwitegura. Ibi ntibyari bikwiriye kubaho. Umurimo utitaweho kugeza ubwo Isabato itangira uba ukwiriye kurekwa kugeza ubwo irangira. Ibi byagombye gufasha intekerezo z'abo bantu batagira icyo bitaho, kandi bikabatera kwitonda bagakora imirimo yabo bwite mu minsi itandatu y'imirimo. {AA 196.2}

KUVURA KU ISABATO

URWIBUTSO N'INTEGUZA, 18/10/1898

Review and Herald, 18/10/1898 In the matter of the keeping of the Sabbath, we study the example of teachings of Christ, whose Sabbaths were often spent in earnest effort to heal and to teach; that we believe that one of our sisters who was nursing a sick family was keeping the Sabbath as much as the one who was leading a division in the Sabbath school.

KUVURA KU ISABATO

URWIBUTSO N'INTEGUZA, 18/10/1898

Review and Herald, 18/10/1898 In the matter of the keeping of the Sabbath, we study the example of teachings of Christ, whose Sabbaths were often spent in earnest effort to heal and to teach; that we believe that one of our sisters who was nursing a sick family was keeping the Sabbath as much as the one who was leading a division in the Sabbath school.

COUNSELS ON HEALTH, P 396.1 The nurses who are trained in our institutions are to be fitted up to go out as medical missionary evangelists, uniting the ministry of the word with that of physical healing.

KUVURA KU ISABATO

[Battle Creek] Sabbath, March 5, 1859—Stayed Home to Nurse James White—Did not attend meeting today. My husband was sick. Have remained with him to wait upon him. The Lord met with us and blessed us this morn. I had unusual liberty in prayer. Brother John Andrews preached twice today. He spent the eve and night with us. We enjoyed the visit much.—Manuscript 5, 1859.

Abaganga bagomba kugira umutima wo kwicisha bugufi no kwitangaho igitambo. Bashobora no gutanga igihe cyabo cy'amasaha yera y'isabato kugira ngo barengere abarwayi. Ariko umushahara kuri uwo murimo wakozwe mu masaha yera y'isabato ugomba gushyirwa mu bubiko bw'Imana kugira ngo ufashe abakene badashobora kubona amafaranga yo kwivuza. Unpublished Manuscript. Health, Philanthropic, and Medical Missionary Work, p. 42; Medical Ministry 216.2

GUKORA NEZA KU ISABATO

Igihe babazaga Yesu bati “Mbese amategeko yemera gukiza umuntu ku Isabato?” yarabashubije ati “Ni nde muri mwe waba afite intama imwe, ikagwa mu mwobo ku Isabato ntayikuremo? Mbese umuntu ntaruta intama cyane? Nuko rero amategeko ntabuzanya gukora neza ku Isabato.” Matayo 12:10-12. {UIB 189.5}

Mu gukiza ukuboko kwari kunyunyutse, Yesu yaciriye iteka imigenzo y’Abayahudi, maze asiga itegeko rya kane rimeze nk’uko Imana yaritanze rimeze. Yaravuze ati, “amategeko ntabuzanya gukora neza ku Isabato.” Mu gukuraho imiziririzo itagize icyo ivuze y’Abayahudi, Kristo yubashye Isabato mu gihe abamwijutiraga barimo basuzugura umunsi muziranenge w’Imana. {UIB 190.3}

GUSOZA ISABATO

Uko izuba rigenda rirenga, reka ijwi ry'indirimbo n'amasengesho
abe ari byo biranga isoza ry'amasaha yera maze murarike Imana
ngo ibane namwe mu cyumweru cy'imirimo n'imiruhu. {6T 359.1}

KRISTO YAZIRUYE ISABATO?

IGICE CYA 29 - ISABATO

Ku muni w'Isabato, Umukiza n'abigishwa Be bavuye gusenga, banyuze mu mirima irimo amahundo ahishije. Yesu yari yakomeje gukora umurimo We aratinda maze banyuze muri iyo mirima, abigishwa batangira gusoroma imitwe y'amahundo no kurya impeke nyuma yo kuzisya bakoresheje ibiganza byabo. Iyo ibyo biba byarabaye ku wundi muni, nta magambo biba byarateye kuko umuntu unyuze mu murima w'impeke, mu murima w'imbuto cyangwa mu ruzabibu, yabaga afite umudendeze wo gusoroma ibyo yifuza kurya. Soma Gutegekwa kwa kabiri 23:24, 25. Nyamara gukora mwene ibyo ku muni w'Isabato, byafatwaga nk'igikorwa cyo kuzirura. Ntabwo guca amahundo byari ugusarura gusa, ahubwo no kuyasya mu biganza byari nko kuyahurira ku mbuga. Bityo rero, mu myumvire y'abigishamategereye, icyo gikorwa cyari gikubiyemo ibyaha bibiri.

KRISTO YAZIRUYE ISABATO?

IGICE CYA 29 - ISABATO

Igihe Yesu bamushinjaga kuzirura Isabato i Betsayida, yireguye abahamiriza abishimangiye ko ari Umwana w'Imana, kandi ababwira yuko ibyo yakoraga bihuje n'ibyo Se yakoraga. Ubwo noneho bibasiraga abigishwa Be, yabwiye ababaregaga ingero ziboneka mu Isezerano rya Kera z'ibikorwa byakozwe ku Isabato n'abantu bari bari mu murimo w'Imana. {UIB 188.3} Abigisha b'Abayahudi birataga ko bazi Ibyanditswe Byera ariko mu gisubizo Umukiza yabahaye yarimo kubacyaha kubera ubujiji bwabo bw'Inyandiko Zera. Yarababwiye ati, "Mbese ntimwasomye icyo Dawidi yakoze ubwo yasonzaga we n'abo bari bari kumwe, ko yinjiye mu nzu y'Imana akenda imitsima yo kumurikwa akayirya... amategeko atemeye ko abandi bayirya, keretse abatambyi bonyine?"

KRISTO YAZIRUYE ISABATO?

IGICE CYA 29 - ISABATO

“Arababwira ati “Isabato yabayeho kubw’abantu, abantu si bo babayeho kubw’Isabato.” “Cyangwa ntimwasomye mu mategeko, uko abatambyi bazirura Isabato bari mu rusengero, nyamara ntibabeho umugayo? Ariko ndababwira yuko uruta urusengero ari hano.” “Ni cyo gituma Umwana w’umuntu ari Umwami w’Isabato na yo.” Luka 6:3, 4; Mariko 2:27, 28; Matayo 12:5, 6. Niba Dawidi yari yemerewe kumara inzara ye aya ku mitsima yari yararobanuwe mu yindi ishyirirwa ku ruhande gukoreshwa umurimo wera, ni ukuvuga ko byari binemewe ko abigishwa bakemura ikibazo cyabo baca impeke mu masaha yera y’umunsi w’Isabato. Na none kandi, ku munsi w’Isabato, ni bwo abatambyi bakoraga umurimo ukomeye kurenza indi minsi.

KRISTO YAZIRUYE ISABATO?

IGICE CYA 29 - ISABATO

Umurimo bari gukora kuri uwo munsu ujyanye n'inyungu zabo z'isi wari kuba ari icyaha, nyamara umurimo abatambyi bari barimo ni umurimo w'Imana. Bari barimo gukora imihango yerekanaga ububasha bwa Kristo bwo gucungura umuntu, bityo umurimo wabo wari uhuje n'umugambi w'Isabato. Nyamara ubu bwo Kristo yari yaramaze kuza. Mu gukora umurimo wa Kristo, abigishwa bari bari mu murimo w'Imana kandi ikintu cyose byari ngombwa ko gikorwa kugira ngo uwo murimo ukorwe, byari byemewe ko gikorwa ku Isabato. {UIB 188.5}

KRISTO YAZIRUYE ISABATO?

IGICE CYA 29 - ISABATO

Kristo yashakaga kwigisha abigishwa Be n'abanzi Be ko umurimo w'Imana ari nyambere. icyo umurimo w'Imana ugendereye muri iyi si ni ugucungurwa k'umuntu; bityo rero, ikintu cyose cya ngombwa kandi gikenewe gukorwa ku munsu w'Isabato kugira ngo uwo murimo usohozwe kiba gihuje n'itegeko ry'Isabato. Ku bw'ibyo rero Yesu yubahirishije umurimo We kwiyita "Umwami w'Isabato,"- bishatse kuvuga Usumba impaka zose ndetse n'amategeko yose. Uwo Mucamanza uzira iherezo yahanaguye icyaha ku bigishwa yifashishije ya mategeko bashinjawaga ko bishe.

Conclusion

Abatsimbarara ku kuvuga yuko Kristo yakuyeho amategeko bigisha ko yishe Isabato kandi akanashyigikira abigishwa Be kubigenza batyo. Bityo rero, bishingikiriza ku mpamvu zimwe n'iz'Abayahudi b'abanyarusaku. Iyo bagenje batyo, baba bavugurujye ubuhamya bwa Yesu wivugiye ubwe ati, “Nanjye nitondeye amategeko ya Data nkaguma mu rukundo rwe.” Yohana 15:10. Yaba Umukiza cyangwa abayoboke Be nta wigeze yica itegeko ry'Isabato. Kristo ni we cyitegerereze kizima amategeko yagaragariragamo. Nta kurenga ku mahame yayo yera kwiyeze kuboneka mu mibereho Ye. Mu gihe yitegerezaga ishyamba ry'abahamya bashakaga urwaho rwo kumucira urubanza, yashoboraga kuba yavugaga ntihagire umuvuguruza ati, “Ni nde muri mwe unshinja icyaha?” Yohana 8:46. {UWIFUZWA IBIHE BYOSE 190.4}

Conclusion

Isabato ifite ukwera gukomeye cyane kuruta uko benshi mu bavuga ko bakomeza Isabato bayeza. Uwiteka yasuzuguwe cyane n'abantu batigeze bakomeza Isabato nk'uko itegeko riri, haba mu buryo ryanditsemo cyangwa mu buryo bw'umwuka. Arahamagarira abantu kugira ivugurura mu kweza umunsi w'Isabato. {6T 353.2}

Matayo 15: 8 “‘Ubu bwoko bunshimisha iminwa, Ariko imitima yabo imba kure.”

Kwereza Uwiteka umunsi w'Isabato bisobanuye agakiza k'iteka ryose. Imana iravuga iti: “Abanyubaha ni bo nzubaha” 1 Samweli 2:30. {6T 356.4}